POLISI Y'U RWANDA

IBIRO BYA KOMISERI USHINZWE ABAKOZI

P.o.Box 6304 KIGALI

www.police.gov.rw

ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA KWINJIRA MURI POLISI Y'U RWANDA

Polisi y'u Rwanda iramenyesha abantu bose bifuza kwinjira muri Polisi, ku rwego rw'aba ofisiye bato (**Cadet course**) no ku rwego rw'abapolisi bato (**Basic Police course**) ko bazatangira kwiyandikisha ku cyicaro cya Polisi mu karere (DPU) batuyemo guhera tariki ya **22/12/2022** kugeza tariki **23/01/2023,** kuva saa **08h00 -17h00**, mu minsi y'akazi.

Ababyifuza bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

I. Ku rwego rwa ofisiye:

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba afite imyaka iri hagati ya 18 na 25
3. Kuba ari ingaragu
4. Kuba afite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza (**A0**) cg afite icyiciro cya mbere cya kaminuza mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (**A1 IPRC**)
5. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire
6. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo ya leta
7. Kuba afite ubuzima buzira umuze
8. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kirengeje amezi atandatu
9. Kuba yiteguye gukorera aho ariho hose mu gihugu.

II. Ku rwego rw'abapolisi bato:

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba afite imyaka iri hagati ya 18 na 25
3. Kuba ari ingaragu
4. Kuba afite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye (**A2**)
5. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire
6. Kuba afite ubuzima buzira umuze
7. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kirengeje amezi atandatu

8. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo ya leta
9. Kuba yiteguye gukorera aho ariho hose mu gihugu.

Abujuje ibisabwa bagomba kuza bitwaje forumirere yujujwe neza iriho ifoto ngufi (photo passport), iboneka ku rubuga rwa Polisi (**www.police.gov.rw**). Fotokopi y'indangamuntu, fotokopi y'impamyabumenyi n'icyemezo kigaragaza ko ari ingaragu.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni: **0788311785**, **0788311526** na **0781860024.**

Bikorewe I kigali ku wa ..21../..12../2022

Jacques BURORA

ACP

Komiseri Ushinzwe Abakozi Muri Polisi y'u Rwanda